# Amafaranga agenerwa abasaba ubuhungiro n'ay'imibereho azagabanuka guhera ku wa 1.9.2024

Inteko ishinga amategeko ya Finilandi yemeje ko amafaranga agenerwa abasaba ubuhungiro n'ay'imibereho azagabanuka kugira ngo Leta igere ku ntego yihaye yo kwizigamira. Amafaranga wahabwaga nk'umuntu usaba ubuhungiro n'ay'imibereho azaba make guhera italiki ya 1.9.2024.

## Amafaranga agenerwa abasaba ubuhungiro guhera ku wa  1.9.2024

| | Abadahabwa ibyo kurya/ ku kwezi | Abahabwa ibyo kurya mu nkambi y'impunzi/ ku kwezi |
|---|---|---|
| Umuntu uba wenyine | 300 € | 88 € |
| Undi urengeje imyaka 18 | 254 € | 72 € |
| Urera umwana wenyine | 336 € | 97 € |
| Umwana ubana n'umuryango we afite hagati y'imyaka 10–17 | 210 € | 60 € |
| Umwana ubana n'umuryango ufite hasi y'imyaka10 | 191 € | 57 € |

## Amafaranga y'imibereho guhera ku wa 1.9.2024

Amafaranga y'imibereho agenerwa ku kwezi umwana uri hasi y'imyaka 16 azaba guhera kiriya gihe **amayero 26** naho ku mwana wujuje imyaka 16 azaba **amayero 47**, niba umwana atuye mu gice cy'inkambi cy'abataragira imyaka y'ubukure kigenera abagituyemwo amafunguro yose. Amafaranga y'imibereho ashobora kuba make kuri aya iyo bishingiye ku kuzirikana imyaka umwana afite, n'urwego rw'iterambere mu mikurire agezeho.

## Ibihindutse ntibisaba ko abakiriya bagira icyo babikoraho

Ushobora mu minsi iri imbere gukomeza kujya ushyikiriza inkambi y'impunzi yawe ubusabe bw'amafaranga agenerwa impunzi n'ay'imibereho, maze inkambi igasuzuma ubusabe bwa we mu buryo busanzwe.

Ariko ugomba kwitwararika nyine ko, imbere hazaza, amafaranga ukoresha azaba makeya ugereranije n'asanzwe. Uramutse ubikeneye ushobora kuganira ku bibazo by'ubukungu bya we n'umukozi wo mu nkambi y'impunzi.

Niba wari warahawe icyemezo kikugenera amafaranga ahabwa impunzi mu nkambi n’ay’imibereho kigera nyuma y’italiki ya 1.9.2024, inkambi ya we izakugezaho icyemezo gikosoye. Usome ibikubiye mu cyemezo cyawe witonze. Niba hari ikibazo wifuza kubaza kuri iyi dosiye, uzegere inkambi yawe bagusobanurire.